# UBUHINZI BW'AMASAKA

**T. Niyibigira, H. Mwemayire, J. Yankurije C. Uzayisenga, C. Imanishimwe, L. Rwakayanga.**

## Intangiriro



Amasaka ni kimwe mu bihingwa by'ibinyampeke by'ingirakamaro akaba akunze guhingwa mu gihembwe cya kabiri cy'ihinga mu Rwanda. Amasaka afitiye akamaro kanini abanyarwanda kubera igikoma cyayo gifatwa nk'ifunguro rya mugitondo ryuzuye intungamubiri ku mubare munini w'abanyarwanda. Amasaka yengwamo inzoga gakondo (Ikigage) ifite uruhare runini mu kubumbatira umuco w'abanyarwanda no guteza imbere abagore kuko aribo benshi bagaragara mu bucuruzi bwayo.



## Igihe cyo gutera

- ➢Ukuboza: mu misozi miremire ( Buberuka,Gikongoro)
- ➢Mutarama: imisozi itumburutse buhoro n'uturere tw'imisozi migufi
- ➢Gashyantare: mu turere tw'imisozi migufi

## Igerambuto

➢300g kugera kuri 500g kuri Are imwe

➢Iyo batera basiga 0.60 m kugera kuri 0,75m hagati y'imirongo

➢ Basiga kandi m 0,20 hagati y'ishaka n'irindi

nyuma yo kwicira .







## Indwara n'ibyonnyi

- ➢Rwona/Kurisuka
- ➢Isazi y'amasaka
- ➢Nkongwa
- ➢Urugombyi
- ➢Inopfu y'amasaka n'izindi

## Gufumbira amasaka

➢**Ifumbire y'imborera:** kg 100 kugera kuri kg 200 kuri Are igihe cy'itabira

➢**Ifumbire mvaruganda**:

-Kg 2,5 za NPK 17-17-17 kuri Are mu gihe cyo gutera.

-Kg 0,5 kugera kuri kg 1 ya Iree kuri Are mu gihe cyo gusukira cyangwa nko kumunsi wa 35 nyuma yo kumera

## Kuyakenura

➢ Kwicira: nyuma y'ibyumweru bibiri amaze kumera kuri cm 10 hagati y'ishaka n'irindi. Ubwa kabiri nyuma y'ukwezi ameze kuri cm 20 hagati y'ishaka n'irindi.

➢Kubagara: uko ibyatsi bije mu murima w'amasaka bigomba gukurwamo.

➢Gusukira: Hagati y'ukwezi kumwe n'amezi abiri bitewe n'igihe imbuto runaka y'amasaka yerera



